REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KW'UGUSHYINGO 2020

**10 Ukuboza 2020**

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KW'UGUSHYINGO 2020

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kw'Ugushyingo 2020. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 4,2% mu kwezi gushize kw'Ugushyingo 2020 ugereranyije n'Ugushyingo 2019.Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 7,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,2% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,7%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 10,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 3,6%.

Iyo ugereranyije Ugushyingo 2020 na Ugushyingo 2019, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,7%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2020), ibiciro byagabanutseho 1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 7,1%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2020, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 4,7% ugereranyije n'Ugushyingo 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 10,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,7% mu kwezi kw'Ugushyingo ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 5%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 5% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,7%.

© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda */CPI Ugushyingo 2020-* **N° 11**

Ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) ibiciro byagabanutseho 0,7%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 12,1%

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kw'Ugushyingo 2020 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 4,5% ugereranyije n'Ugushyingo 2019. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) ryari ku kigereranyo kingana na 9,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,5% mu kwezi kw'Ugushyingo 2020 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 6,7% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2020) n'ukwezi kwa cumi (Ukwakira 2020) ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byagabanutseho 8,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva m'Ugushyingo 2019 kugeza m'Ugushyingo 2020.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ugushyingo 2019 kugeza mu Ugushyingo 2020**
***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2019 11 | 12 | 2020 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 6,9 | 6,7 | 7,3 | 8,7 | 8,5 | 8,0 | 9,2 | 9,0 | 9,2 | 8,8 | 8,9 | 7,2 | 4,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 15,5 | 15,8 | 14,6 | 17,1 | 16,5 | 11,7 | 10,5 | 11,2 | 13,2 | 12,4 | 12,2 | 10,9 | 4,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 11,8 | 11,9 | 11,5 | 13,5 | 13,1 | 10,1 | 9,9 | 10,3 | 11,5 | 10,9 | 10,8 | 9,3 | 4,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,9 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,0 | -0,2 | 2,0 | -0,2 | 0,2 | 0,5 | 1,0 | -0,9 | -1,0 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 5,2 | -1,1 | -1,1 | 1,8 | 2,5 | -3,0 | -0,3 | 0,6 | 1,6 | 1,7 | 2,0 | 0,6 | -0,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 3,8 | -0,8 | -0,4 | 1,7 | 1,9 | -1,8 | 0,7 | 0,2 | 1,0 | 1,2 | 1,6 | 0,0 | -0,8 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw